

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'AMASHULI ABANZA
N'AYISUMBUYE

IBIRO BIKURU BY'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

4



UMWAKA WA KANE

Ibiro by'integanyanyigisho z'Amashuli
Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga

Ukwakira 1982

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISTERI Y'AMASHURI ABANZA
N. AYISUMBUYE

IBIRO BIKURU BY'UBUSHAKASHATSI
BW'UBUHANGA MU BYO KWIGISHA

GUSOMA

4

UMWAKA WA KANE

Ibiro by'integanyanyigisho z'Amashuri
Abanza n'iz'Agamiye Amajyambere y'Imyuga
Ukwakira 1982

Iki gitabo kigenewe umunyeshuri w'umwaka wa kane w'amashuri abanza. Gikubiyemo imyandiko y'ingeli nyinshi: imigani, ibitekerezho, ibyivugo, imyandiko yo mu binyamakuru, amabaruwa, ibiganiro; imwe muri icyo myandiko igaya inenge abantu bagira, indi ikigisha ubumenyi bw'ukwiteza imbere; iyindi na yo ikavugaga ibibihohotse umuntu atakwirangangiza, kandi byajijurira benshi. Iyo myandiko yose hamwe igamije cyane cyane kwigisha imyifatire myiza iranga umuco wa kinyarwanda.

Umusomyi azasanga muri iki gitabo imyandiko yahozeho mu bitabo byo gusoma byo mu myaka ya kane n'ya gatanu by'amashuri abanza. Iyo myandiko ntiyari inonosoye, ni yo mpamvu yasubiwemo, ibitaboneye bikurwamo, ibindi biragororwa. Halimo n'indi myandiko yaturutse hillya no hino aiko ihabwa iyindi ntego kugira ngo irushaho kumvikana. Ishami ry'ikinyarwanda na icyo ryahimbye indi myandiko.

Iki gitabo ni inyundo y'ubumenyi n'ubumenyanga izatasha gucengeza urulimi rwacu mu bana b'u Rwanda. Ntibashoboraga kugerwaho icyo abashakashatsi bo mu Ishami ry'ikinyarwanda icyo mu Biro by'Integanyanyigisho badahagurukira icyo mu muryango w'ubucukumbura no kujora icyo myandiko.


All abanditse iki gitabo all bo :

NYIRANZEYIMANA Monika
KAMALI Altonsi
NKERAMIHIGO Yohani
MURERA Yohani Batisita
GASAZA Danyelli,

Mu gitondo kare ngo tugere ku ishuli, ingoma iravuga, tujya ku mirongo twiboneje, ngo twumve abimuka n'abasibira. Ubwo mfata iya mbere, n'ya mu mwanya nsanzwe mpagaramo, ntegereje kubimbuilira abandi mu wa kane. Hashize akanyaga gato tubona abigisha bacu baraje, maze batangira kutugabana. Ubwo aho mpagaze nkibwira nti « byanze, bikunze ndajya mu wa kane! » Ntibyatinda koko numva barampamagaye!

Igihembwe cya gatatu nticyatinda; ubwo ndangiza uwo mwaka ndi uwa mbere. Nti « emwe na nyeye nzare! Ko ndangije m'ite amanta meza hali ikizambuzza kujya mu wa kane? » Ibiruhuko bimbera birebire! Aliko amaherero birarangira.

Kera nkili mu mwaka wa gatatu, nabonaga mukuru wanjye wali mu mwaka wa kane, nkumva m'ite amatsiko yo kumenya uko inyigisho zo m'ili uwo mwaka zimeze, nkifuza na nyeye kuwugeramo.



1. UMUNSI WA MBERE W'ISHULI

**RWAMAMARA Mariko
NTAWENZA Timoteyo
KARANGWA Sitanisilasi
MUTAKE Tarisisi,**

bose turabashimiye kuko bakoranye umurava. Dushimiye kandi abaduhaye imyandiko; amazina yabo yanditse mu ishakiro. Musomyi na we, uramutse ubonyemo. Inenge wabimenesha Minisitiri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye bityo ukaba uteye uburezi inkunga. Tubaye tubashimiye.



Reka ro tuger mu ishuli mpasange ibintu byinshi ntabonaga mu wa gatau: ishuli, intebe, ibitabo; ibyo byose nali ntarakabona ndetse n'abenshi mu banyeshuli bwali ubwa mbere twigana. Mbega ishuli iyiza! Mbega ibitabo byiza! Aiko icyo gusoma cyo kirahimbaye!

Nuko tumaze akanya twinjije, umwalmu aratubwira ati «murangije umwaka wa gatau, none mutangiye uwa kane. Mugomba ro kurushaho kwitonda, mugatega amatwi umwalmu wanyu igihe yigisha, kugira ngo hatagira ikibacika. Mugata ibintu byishuli neza, ndetse n'ibanyu bwite mwizaniye kuko umunyeshuli mwiza arangwa n'isuku aho aba ali hose. Mugakunda kwiyibutsa amasomo mwize igihe mugaze imuhira. Mukabiyuka kare kugira ngo mudakorerwa. Iyo ni bimwe mu by'ingenzi bizabatasha kurangiza neza uyu mwaka mutangiye. Bityo mukazaba intwari u Rwanda rwacu ruteze amaso.» Ni nde utakwigira icyo nama?

Ubwoba mba nalitaye mu gutwi. Ni koko ubwenge burahurwa. Na nyere nta kindi nzakora kitari ukumvira umwalmu mu byo ambwiziza byose, kuko ari byo bizamfasha kumenya neza icyo niga. Ni wo mwimwo nshinzwe uzangirira akamaro, na nyere nkazakagirira igihugu.



Ikinyabupfura ni umuco w'umuntu utuma imyifatire ye ishishisha abandi aho ari hose. Kigaragaza ubure bwiza; kikalinda umuntu kwandavura no kwiyandakira. Ibyubupfura abantu bose barabikunda bakabishima ariko nibabigenze kimwe mu Rwanda.

Iyo umuntu agendereye undi, agera ku irembo agasuhuzwa. Baba baliyo bakamwikiriza. Agakomeza, akaramukanya n'abo asanze mu rugo. Umukuru ni we uramutse umuto, undi akikiriza. «amashongore». Cyangwa bagira bati «gira abana; gira umugabo, gira umugore; gira inka.» Izi ndamukanyo zose zikirizwa ngo!!!! Aho ubukiriritse bwadukirye, bamwe bagira bati «Yeze akuzwe.» Bakikiriza bati «iteka».

Muri iki gihe, imyubakire mishya ituma umuntu atasuhuzwa inyuma y'urugi ngo yumvwe; akomanga buhoro ku rugo agategereza ko bamubwira ngo yinjire cyangwa ko bamukingirira.


Icyo kuramukanya byarangira, bagaha umushyitsi icyo yicaraho, bakamufunguira icyo babishoboye. Mu muco wa kinyarwanda umushyitsi atunguiriwe inzoga, akica akanyota, bakabona kumubaza amakuru. Baramutse bamugaburirye agomba kurya mu kinyabupfura, yitonze, atasamye, adashyuhaguzwa. Abonye ikintu giteye ishozi mu bibwira cyangwa mu binobwa agikuramo atabimenyeshye abo basangira. Akomeza kurya cyangwa kunywa ntacyo abwiyeye abandi kugira ngo bitabatera iseseme.

Umushyitsi yiyibutsa gusezera agataha kugira ngo ataza kurambirana. Ntari guhubuka; arabanza agashimira abo yasanze, hanyuma akabaseseraho, bakamuherekereza agataha. Uwaherekereje ni we wiyibutsa kugaruka agaseserera ku wo yali ahererekereje.


2. IKINYABUPFURA

Umuntu aho aho hose agomba kugira ikinyabupfura, akilinda icyabangamira abandi, akamenya uko yifata mu rungano, mu bo aruta no mu bantu bakuru.

Ikiyabupfura kandi ntikigarukira mu kuramukanya no guherekeza; kigomba no kugaragallira mu migenzereze myinshi ya bu! munsu. Iyo bohereje umuntu ikintu arashimira; bakimuhereza agashimira. Naho uhamagawe n'wo yubashye wese, yitaba avuga, ati «karama.» Umuntu warezwe neza kandi ntabwo yubahuka guca undi mu ijamba, cyane cyane icyo batangana. Iyo uzindukiyeye mu zindi mpugu mudahuje umuco, willinda kunegura ibyaho; imvugo, imyifatire, imyubakire, imyambalire. N'icyo ugize icyo ugaya cy'aho kandi ugomba kukivuga ubishakira ubuho bukwiye. Wenda ukagira uti «iki gikozwe gitya cyarushaho kuba cyiza.» Niba ugiye mu modoka, ilinde kubiyigana no gusakuliza abandi. Nubona umusaza, umukecuru, umubeyi uheteze cyangwa umugore utwite, iya umwimukira.



Mu Rwanda kera kwitwaza inkoni byali akamenyero. Wabaga utayitwaje bakavuga ko ugenda imbokoboko. Ako kamenyero kagiye gashira buhoro buhoro. Ubu abakitwaza inkoni ni abasaza, abakecuru, ibimuga n'abasumbaba.



3. KWITWAZA INKONI

Kwitwaza inkoni byaterwaga kenshi n'uko ishyamba lyali lyose mu Rwanda kuko rwali rutaturwa cyane, ruhimu n'inyamaswa nyinshi: impyisi mahuma, intare, inzovu, n'izindi. Iyo wabaga utite icyo witwaje, nibura wageragezaga kwirwanaho.

Mbere na mbere rero, inkoni yali intwari y'umuntu ndetse n'umuhinzi ugize mu mulima we yajyanaga isuka aliko ntiyibagirwe inkoni.

Inkoni kandi yali mugenzi w'umuntu, akayitwaza, akayicumba ahazamuka, akayishingikiliza ahamanuka cyangwa ahanyerera. Bamwe ndetse bavugaga ko inkoni ifasha umugenzi mu rugendo kuko ayivana! Runaka, agataha! Bunaka mu ntara iyi n'iyi.

Reka rero udukoni tw'abakobwa twa! Udukoni twabo ngo twali urugero rumwe. Iyo tutabaga uduseke twatoranyijwe twabaga udukoni tugororotse tunoze kandi tureture, akenshi dutatse amabara. Batwitwazaga bagize kuramutsa bagenzi babo cyangwa batashye ubukwe. Iyo bagendaga hamwe batwitwaje ngo wasangaga binogeye amaso. Ubwiza bwatwo bwatumye banabivugira ku mukobwa w'uruti rwiza ngo «Gakoni k'abakobwa, gatakara nibatahe bagatinzwa no kugashaka.»



4. UMUSAZA N'ABUZUKURU BE

Umusaza yali afitte abuzukuru batatu b'abasore; abo bana nti bumvikane, ahubwo iteka bagahora batongana. Sekuru yabireba bikamubabaza cyane. Bukeye arababwirako ati «bana banjye, mujye mubana neza ntimugahore mupfa ubusa.» Abasore bawe nti babonyeho bikomereza umwiliyane wabo.

Umunsi umwe, umusaza amaze kubona ko kubabwiza urulimi n'acyo bimaze, yigira inama yo kubaha urugero. Niko kubiharerana, nuko yenda inkoni eshatu, akurebera n'umurunga ukomeye cyane, maze arazihambiranya. Arangije, arababwirako ati «ntimureba izi nkoni uko ari eshatu; mukabona n'ukuntu zihambiliye cyane? Umva ko muli abasore, mukababa muhite n'imbaraga nyinshi, mbarahiyeye ko nta n'umwe washobora kuzivuna!»

Ba basore balisekera, barangije baramusubiza bati «uzi ko nta n'umwe uturusha imbaraga kuli uyu musizi, none ubwo busa ni bwo bwatunaniye? Twagize ngo ni n'iki indi uduhamagaliye? Yewe gusaza ni ugusahurwa koko.» Umusaza ati «ngaho nimugerageze, ndebe akubwo busore bwanyu!»

Ba bahungu uko ari batatu bakuranyaza nkoni zihambiliye. Bagerageza kuzivunisha amaboko, birabananira, bashyira ku mavi biva iby'ubusa.

Nuko umukambwe na we uko yakabitegereje aboneraho maze arabasuka cyane; arangije arababwirako ati «ntiduhwanyije imbaraga, muruzi uko iminsi yangize; aliko kandi, ibyo nti byambuzaga gushobora kuvuna izi nkoni zabananiye muli abasore!» Abahungu baliyambirira cyane bati «mbese noneho ugiye mu maki sogoku...? Uzi ko umaze gusaza koko? Ubona ko

icyatananiye aho wowe ugi bugishobore kandi uruzi ugeze mu zabukuru? Have wikwiliirwa wiyumya, ntiwabishobora.» Na we atari « mura mureba.»



Nuko umusaza agutirira za nkoni, arazihambura, maze agatata imwe imwe akayikonyora. Hanyuma abwira abuzukuru be, ati « bana banjye uko mumaze kubibona, kugira ngo nshobore kuvuna izi nkoni kandi ubwanyu zabananiye, nabanjye kuzihambura, kuko zikiri hamwe zali zikomeye. Namwe rero nimutandukana, umwe akaba ukwe, undi ukwe, mugahora mujyana, abanzi banyu bazaboneraho maze babagillire nabi. Naho nimwibumbira hamwe, mbese mukumvikana mukaba abavandimwe nyabo, ntawe uzabatinyuka, ahubwo rubanda bazajya babareba babatinye, maze babubahirire icyo.»

Ba buzukuru bamaze kubyumva, bigira inama yo kwiyunga, amahane ashirira aho. Ndetse n'ubabonye, ugasanga abubashyeye kandi yitwaza kubigana.

Ababillishye umwe!

5. INSHUTI NYANSHUTI




Kera habayeho umugabo Ndebe, akaba umukungu kandi akagira inshuti eshatu yitaga iz'amagara. Umunsi umwe yenga inzoga, atumira abe bose na za nshuti ze, baranywa, baranzezwa. Bamaze kwizihirwa, umwe mull bo witwaga Nzamurambaho arahaguruka, ati « ndagukunda, none nguhaye ink.» Abali aho bose bamukulira ubwatsi.

Bukeye wa mugabo ashaka kugerageza za nshuti ze. Yica ihene, ayihambira mu kirago. Bugorobye yikorera ya ntumbi, aragenda no ku nshuti ye Nzamurambaho. Ati « ngize ibyago nishye umuntu; none ndagira ngo umperereze tujye kumuta mu ruzi cyangwa mu gihuru butaracya, kuko bimenyekanye na nyere n'apfa.» Nzamurambaho ngo abyumve alyumvira, ntiyibuka ibyo yavuze, ni ko kumushubiza, ati « umugore wanjye ntahali none rero ntabwo nakwisigira urugo n'abana. Genda urebe undi waguherereza, jye simbonetse.»

Ndebe alita mu gutwi. Araboneza no kwa Mudatenguha, amutekereza ibyamubayeho byose. Mudatenguha agira ubwoba, ahinda umushyitsi, ati « nibadufata, bazatwica twembibwona kubaza kandi jye ndengana. None mugenzi wanjye umugore wanjye aho ku nda, none sinamusiga wenyine, umbabwirye.»

Ndebe akomeza urugendo, no kwa Mutunamuka, atizeraga nk'uko yizeraga ba bandi bombi; babaniraga ko yamutumaga ntiyange.



Amaze kumutekerereza ibyamugwili, undi abyumva vuba, aramushubiza ati « hagi tugende, sinsubira no mu nzu, umugore atambaza ibyo ahi byo. Bashyira nzira baragenda, bikoreye ya ntumbi. Bageze mu ishyamba y'inzitane, Mutunamuka ati « reka tumujugunye aha, nta muntu uzamubona; nanamubona ntazamenya uwamwisha. » Undi ati komeza gato. « Bigira imbere, baratura, Ndebe atekereza Mutunamuka ukuli kose. Amereka ya ntumbi, undi asanga koko ahi ihene.

Aho bahindukiliye banezerewe, Ndebe akoranye bene wabo, maze ababwira ukuntu yagerageje inshuti ze, agasanga inshuti nyanshuti ahi Mutunamuka. Amugororera inka, balibanira. Atandukana na ba bandi bamukundaga urumamo.

6. ICYIVUGO



Ndi Rusalikhana amakuzza, ingamba zisobetse Inkeragutabara ya Rukanika.

Ndi Rutindikana inkubito Rutaganira kuliinda.

Ku rugamba sinsubira mpora nsizanira gutabara mu zimbere.

Ndi Rusalikhana inkubili rwa Sendahunga,

Umubisha unyitabiriye ndamutetereza nkamutamaza,

Nkamutera gusubira inyuma agahungana ihubi.

Icumu lyanjye ni Rukara ingabo yanjye ni Rugomwa,

Umuheto wanjye ni bararasa nkarasana ahananiranye.

Ndi Rusalikhana amakuzza likamuvamo ntarubaruke.

7. UBULTALYA BWA BAKAME (Iglice cya mberere)



Kera izuba lyaracanye, imigezi irakama, nuko inyamaswa zose ziraterana, zitya inama yo gushaka ubuiyo zatukura ibba irelire, zigira ngo none zagera ku mazi. Inyamaswa zose zirabwemera, uretse Bakame yavuze ko nta mbaraga itite. Umwami wishyamba hamwe nibyegera bye, byemeza ko ibyo ibba nibitungana zizajya zitya ibihe byo kullinda, kugira ngo zitahure ubuyalya bwa Bakame. Iiba iratukurwa igira amazi meza cyane kandi atitse.

Bukwe Bakame igira inyota cyane, maze igushakira igicuma cyuzuye ubuki, icya gushaka amazi yo kunywa muri icya ibba, ubwo yali izi uko iza kubigenza.

Muri izo nyamaswa rero, imyisi ikaba aho yagombaga kubirwa. Bakame irakuzira isanga imyisi yahageze kare, yicira isazi mu maso, kuko yari imaze kurambirwa no gusonza. Irabukwa Bakame; irayibwira ite « cyose Bakame, aho ntufashwe? Ugejwe aha n'iki? Ntiwavuze ko wamugaye? » Bakame irayisubiza ite « aho ntugira ngo nkeneye amazi yawe? »

Humura n'ititaye ayanjye arusha ayanu kuyoha! » Imyisi yumva igize amatsiko, maze ibwira Bakame ite « mpa se nsomeho numve! » Bakame iyihereza cya gicuma, irayibwira ite « akira maze wiyumvire ukuntu amazi yanjye atagira aho ahubwe n'ayanyu! » Imyisi irakira, isomyeho, iravugaga ite « aralyoshye cyane koko! » Iragotomera ikulikiranye ubuiyeho, igicuma iragikonozaga, maze umusinzi atembagara aho! Bakame ibonye ityo, yegura igicuma cyayo, iravoma, maze kuvoma iliyuhagira. Irangije iratoba cyane, kugira ngo yerekane ko itwaye za nyamaswa agahigo. Nuko iligendera.

Imyisi aho ikangukuye isanga Bakame yanduritse, amazi yayahinduye ibiziba! Nuko Bihene icya kubitekerereza izindi nyamaswa maze zirayitunganya cyane zigira ziti « nta kamaro kawe. » Imyisi nayo ite « ngaho namwe nimwigire yo, muzaba mureba ukuntu ako kagabo aho akanyabwenge, kandi gafite amazi meza, kayaguhaha ngo unyeho ugashinzirako. »



Mu gihe zigishaka umugoz! ukomeye, Bakame irazibwira iti «mbese ubwo muliruhiza iki? Mwazanye kaliya kavovo, ntigahagije? Erega ntabwo Bakame nduhije!»

Izindi nyamaswa ziti «ni koko Bakame utubwiyeye ukuli.» Nuko zireba akavovo k'insina, maze zirakayibohesha! Hashize umwanya, izuba limate gukomera, akavovo karuma. Nuko Bakame imenya ko igihe cyo kwicikira kigeze, itangira kwibohora. Inyamaswa zali ziyillinze zirayibaza ziti «ko turuzi wihotagura, tukumva ako kaguzi gaturaguliika, ubwo uli mu maki?» Bakame irazisubiza iti «ntibibatangaze, ubwo ntangiyeye gusamba; mu kanya murabona nanqutse!»

Nuko zimaze kwizera ko Bakame itagishoboye gucika, zitangira kwiganirira. Mu gihe zicyibereye mu kinwanwa, Bakame akaguzi irakagutira, isimbuka limwe nk'umurabyo, irazimira pe!


Inyamaswa ngo zikebuke, zisanga Bakame yagiye kera. Zisigara zimanjiliiwe. Naho Bakame yisangira nyina mu ndili yayo.

— icyizere kiraza amasinde.



8. UBULYALYA BWA BAKAME (Igice cya kabili)

Aliko izasimbuye ya mpyisi, ntizashoboye kuyirusha ubutwali. Imwe gusa muli zo, ni yo yashoboye gutahura ubulyalya bwa Bakame. Nyamara zose zarayisuzugura, zikayinegura ingendo n'uko iteye. Akanyamasyo muzi ukuntu kagenda, aliko gasodoka karakugendeye, gakururuka, kageze kuli Iya Iba, kihisha mu mazi. Bakame uko yakamenyereye, iraza no ku Iiba, yihamagaza ubusa, igira ngo irebe ko hall'indi nyamaswa yaba yaje kullinda amazi. Ibonye ko ari n'ayo Iiba iralishoka ngo ivome nk'uko bisanzwe. Itaratangira kuvoma, akanyamasyo kaba kayisingiye akaguru. Karayikomeza, karayiyana n'imbere y'umwami w'ishyamba.



Inyamaswa zose zirakorana. Inama zimaze kuyinoza, Bakame icyirwa urubanza rwo gucibwa umutwe. Ubwo aliko mbere yo kuyica umutwe, zagombaga kuba ziyiboshye, kugira ngo itabona uko icyika.

Umwana w'imfura aba umucuzi, uw'ubuheta aba umwogoshi, naho uwa gatatu aba umusilikari. Kubera ko buli mwana yabonye umwigisha w'umuhanga nta n'umwe utabaye icyatwa mu mwuga we. Umucuzi yimanyereza gucura ibyuma byinshi. Akibwira, ati « nizeye ko inzu ya data all iye uzayisigarana, kuko nzi neza umwuga wanjye. »

Umwogoshi na we, yogoshaga neza abantu bakamushikira, akibwira ko nta kibuzza, inzu all we izaragwa : Uw'umusilikari aba intwari. Ubwo butwari bwe bwamuheshaga icyubahiriro mull ayo mahanga.

Umunsi wo gutahuka ugeze bahurira kwa se, bajya inama yo kwerekana ubuhanga bwabo mu mwuga bize. Bihurirana n'uko mu gihugu halli hateganyijwe irushanwa likomeye iyerekeye imyuga. Umwami yall yakoranyije abahanga mu kogosh, mu kumasha, mu kubaza, mu gucura n'ibindi.

Umunsi wateganyijwe ugeze, ba bahungu bajyayo. Hatangira abogoshi. Barogosh, barogosh, bigeze aho abantu benshi bahuririra wa wundi wize iby'ubwogoshi. Bose batangalira ubuhanga bwe kubera ko yogoshaga uba kandi neza.

Abogoshi barangije, hakulikiraho abacuzi. Bategekwaga gucura ishusho ly'umwami. Inyundo barazibaka, igihe abandi bagihuzaguliye, icyuya cyabarenze, wa musore wize ibyogo gucura, ishusho aba ayishyize aho. Rubanda barashikaga n'abarushanwaga, inyundo barazinaga, bahuririyeye lya shusho, kuko iyasaga neza n'umwami.

Noneho hataho abamasha. Bagombaga guhamya intobo itunze ku gisongo gishinze mu ntambwe magana abili. Abantu kalijana barahakurana barasa, kabili, gatau, kane... bagahusha, abandi igisongo bakakizinga uruti, habura n'umwe uhamya intobo. Maze wa muhungu w'umusilikari abonye bose begamye aba arahashinze. Aratora. . . ngo pya . . . umwambi ugurukana ya ntobo, abantu bose baliyamillira.

9. UMURAGE W'ABAVANDIMWE BATATU



Habayeho umugabo akagira abana batatu b'abahungu, nyina w'abo bana akaba yarashaje. Uwo mugabo ntacyo yagiraga, uretse inzu yall atyemo. Buli mwana mull abo bahungu rero, akifuza kuzaragwa iyo nzu. Ibyo kuyibagabanya cyangwa kuyigusha byo abasekuruzza balli barabibujije.

« Ni ko kwigira inama yo kugerageza abahungu be, kugira ngo uzarusha abandi ubugabo, azabe aliwe uyitwara. Nuko arabahamagara, arababwirira ati « kuva ubu, ndashakako mugenda, mukajya mu bindi bihugu, buli muntu akirwanaho, akiga umwuga; nimugaruka, uzaba yarushije abandi kumenya neza umwuga we, niwe nzaraga inzu yanjye. »


Abana bose bakulikiza uwo mugambi, umwe aca ukwe, undi ukwe, bamaze gusezerana umunsi bazahindukiraho. Buli mwana akifuza kuzaragwa iyo nzu.

10. ULI MWIZA MAMA



Koko uli mwiza si ukubeshya
 Singutaka bimwe bisanzwe
 Abantu benshi bakabya cyane
 Amezi cyenda mu nda yawe
 Untwite ugenda wigenesereye
 Udahuga wanga ko mpugana.
 Ngo igihe mvutse ntarareba
 Umfureba neza ndanezerwa
 Ngira ubushyuhwe imbeho ntiyaza
 Imbehe yanjye ubwo ikaba ibere
 Imilimo yawe ndayigutשה
 Imiruhohoye ndayigukwiza
 Amalira yanjye ndayagutira
 Aliko ukagira uti «kira kibondo»
 Nzakurata uko bigukwiyeye
 Ibere iyawe ni indahinyuka
 Kuko ndikeshya ibyiza byinshi


Nuko ba bavandimwe uko ari batatu baragororerwa. Se na
 we arabashima. Kubera ko buhari mwana yari yerekanye
 ubuhanga bwe butangajwe mu mwuga we, ya nzu bayiragwa uko
 ari batatu.



Umubyeyi wabo amaze gufata, bakomeza kubana neza,
 bakora imyuga yabo, bakulizaho kuba abakire.



11. UMUGORE W'UMUTINDI NYAKUJYA



Habayeho umugore, akaba umutindi nyakujya, akibera mu nzunguru bali barajungunye.

Umunsi umwe, haza umuntu w'umusabizi, aliko akamenya gukora ibintu bisa n'ibitangaza. icyo gihe imvura yaragwaga cyane. Wa mugore amurabutswe, alibwira ati « yewe nta mutindi umwe! Ko niganyiraga, ulya wambaye kuliya ntandusha ubutindi? Naba na nyeye ntituye ubucabali bwanyeye n'inzunguru yanjye.»

Ndetse icyo gihe imvura yaragwaga, umugabo anyagirwa; umugore aramuhamagara, aramubwira ati « ngwino wugame.»
Wa mugabo yinjira mu li ya nzunguru, arugama. Nuko yitegereza uwo mugore wari walishwe n'agahinda, ntagirye shingiro na rugero, maze aramubaza ati « wumva wifuzako iki? » Umugore aramusubiza ati « nituzako inzuri n'icyo yabwo n'icyo, ifite akaliya iruhande, maze nkava mu li ya nzunguru! Yahirwa mama ubyifitiye!»

Amaraso meza ahorana ubusire
Umubili mwiza utagira inenge
Bwa bugingo buzira indwara
Ngo ejo ntazabona nituye!
Murezi utanga urugero rwiza
Uli Nyampinga ukagira ubuntu
Ntabwo urabwirwa kuntamika
Ntuyako usiba no kukoreza
Nyir'urugwiro nzagushima
Mubye! impamo ntimpahamure
Urulimi rwawe rugaba ituze
Urugero rwawe nzarutora
N'umuco mwiza nyeye nkwigana
Nzakulikiza isuku yawe
Mawe nshima uti mudasumbwa
Sinakunganya undi mubye!
Ishuri yawe liruta ayandi!
Ubwenge bwa mbere wantoje
Ni bwo nahereyeho nyiza kwiga
Kutiganda mfasaha n'abandi
Ibyo mbikesha umutima wawe
Ntabwo wangomwe urwo rukundo
Utakukunda rugolirwera
Ntacyo yabwo amaze mu Rwanda
Mutima mwiza uzira umunabi
Ineza yawe ivamo urukundo
Sugira sangwa uti Rudasumbwa.
Abo wibyalije tukurate
Data azaguhye urugukwiye
Rumwe udukunda utizigamiye
N'waguhanze aguhore hafi
Azakubona amakuba yose
Ni ibyo ndangilijeho none
Aliko nzongera ngusubire
Kuko uti mwiza wawe nkunda.


abengerana. Hiliya gato hali indorerwamo nini cyane yometse ku nzu. Ako kanya abona umukobwa akinguye icyumba, amushuzanya icyubahiro aramubwira ati « mbazanije amazi yo kwiyuhagira kandi nateguye. »

Umugore arabyuha alyuhagira, uwo mukobwa aramusokozwa, aramwambika. Yirebeye mu ndorerwamo asanga atakili wa wundi yarakize cyane. Aratangira arabigendera, reka iminsi mikuru sinakubwira. Si bwo abaye ikiranglirire!

Umunsi umwe, wa mugabo yiyambalira gitindi maze aza guhagarara ahantu yali azi ko uwo mugore akunda kunyura, yigendagenda n'abaja be. Umugore akihagera, wa mugabo aramusuhuzwa, maze aramubwira ati « ngira ngo ubu nta kintu ubuze! » Ubwo alliko abimubwira asa n'umwennyuye, mbese nkubwira uwo baziranye. Umugore ntiyamureba n'ihumye, allihitira! Umugabo arangurura iyiwi ati « mbese noneho ntucyumva? » Umugore asubiza amaso inyuma n'agasuzuguro kenshi, abwira uwo mugabo ati « aho ubwo uziko uwo ubwira! umuntu wicyubahiro? Wagize ngo ndi rubanda rusanzwe! Allibo niwongera kurevura ulibonera. » Umugabo aramwihorera!

Bukeye ngo umugore akanguke, asanga ya nzu na bwa bukire bwose byayoyotse, alyamye mull cya gisate cy'ingunguru yahozemo! Yicuzwa icyatumye yihaguzungura wa mugabo.

Gukira byibagiza gukinga.



Umugabo aramubwira ati « humura mugore mwiza, kubera ko wanyugamishije, ejo uzabona icyo nzu. » Umugore abanza gushidikanya yibwira ati « nk'uyu mutindi aranshinagurira iki? Mbese yabanje akikiza ubwe! » Nuko yillirwa yibaza icyo uwo mugabo yashatse kumubwira, bulinda bwira akibitekereza.

Bukeye, umugore ngo akanguke, asanga atakili mull ya ngunuru, ahubwo all mu nzu nziza, yubatswe mu kalima katagira uko gasa! Umugore allishima sinakubwira. Amezi atandatu ashize, wa mugabo aza kongera kunyura aho, maze abaza wa mugore ati « ubu se kandi n'umerewe neza? Umugore ati « koko merewe neza, alliko uwampa n'agaka kamwe nkajya mbona amata yo kunywa n'icyo mtumbiza aka kalima kanjye; akampa n'ingurube yo korora. » Umugabo ati « ihorere ejo uzabona byombi. » Noneho umugore ntiyongera gushidikanya.


Bugicya, umugore ngo alye kubona, abona iruhande rwa ka kalima imbeye! n'iyayo n'icyana cy'ingurube gishaka ibyo kilya! Si bwo agiye kuba umukungu! Wa mugabo agiye kumubera imana rwose!

Hashize igihe kirekire, nyamugabo aragaruka abaza wa mugore ati « ubu se kandi hali ubukire bundi wifuzaburenze ubungubu? » Umugore aramusubiza ati « hora yewe, winshinyagurira! Aho uziko kuba umutindi nk'uko nali meze kandi ngeze no mu zabukuru!

Noneho icyo unkiliza limwe, ukanshajisha neza! Wowe se komekera, nkaba mull iyi nzu nyenyine, singire uwo ntuma ku isoko, akaba all iye wigirayo ngenda nsayagurika mull biliya byondo! Ubwo se urumva nkize iki? » Umugabo aramusubiza ati « ubukire ahubwo uguye kubura aho ubukwiza! »

Mu gitondo, umugore agikanguka, yumva mu nzu urusaku rw'ibintu biterurwa hiliya no hino, alliko ntamenye ababiterura. Yumva alyamye ku buhaha bwiza, arebye asanga ni gitanda cy'akataraboneka, yahindukira kikamutembereza! Yongeye kureba hiliya abona hateye intebe nziza cyane n'ameza

12. UMUNYAMERWE




Ni Ruhaya rw'isekurume
 Rwa muralika icyanwa
 Iyo yarase igihembe
 Udusekurume turayihunga
 Igira ibihembe bireba inyuma
 Ikagira ubwanwa iralika iteka;
 Igira umugara wo ku mugongo
 Ikawushinga ili ku rugamba.
 Igira imihore myiza cyane
 Ikaba itungo Iyo mu batinzi.
 Iyo bayikuyeho uruhu rwayo
 Abenshi mull bo baravugishwa.
 Iyumvire na we yu munyabugoyi
 Ngo aravugishwa abonye igaramye.
 Yarazindutse alya gusura
 Se w'umugore we mu Rugerero.
 Ageze yo asanga barayibaga
 Inyama ngizo hilya hino
 Baragabagabana biracika.
 Abana benshi barabya indimi,
 Aramwenyura akorora buhoro

Arasuhuza balikiliza,
 Bamuha icyicaro araruhuka
 N'agatabi aratumagura,
 Umukuzo uraza yica inyota,
 Akebuka hilya aho bazigabana
 Amazi menshi amwuzura akanwa
 Akabona imbugita ziraca ibintu.
 Hashize umwanya ulinganaye
 Nyina w'umugore we alya mu kirambi,
 Avugira mu gutwi kwa Ruhabuka
 Aii we mugabo we akunda cyane,
 Ati « murarebe uko mumugenza
 Uliya mwana w'umunyarwanda.»
 Wa muhungu bimujya mu gutwi
 Yilya icyara abyinisha intebe,
 Arasukuma gukoma yombi
 Amasoni aranga abura uko agenza,
 Arahaguruka alya ku irembo
 Alinanura agaruka mu rugo.
 Igihe cyo gutaha kiba kiraje
 Agaseke keza barakamanura
 Inyama munani ziragasaga.
 Bamuha umwana wo kumutwaza
 Izo mbonekali mwe z'iyoy mfiti
 Imisozi itanu barayirenga
 Uwa gatandatu barasohora.
 Abwira umwana asubira iwabo
 Abwira ab'iwewe icyo mu gasero
 Avuga amateshwa atagira uko angana,
 Aravugishwa bishyira kera,
 Ati « nageze iwanyu mu nsi y'uruhu
 Nsanga iseseme barayibaga,
 Ubwo isekurume iba iranteruye
 No ku kinyama cy'inzu ngo pi!
 Ngo nyikubite amazi
 Amaso yuzura akanwa.
 Bampa umukuzo ndawicalira.
 None rero mugore wanjye

Mpa iyo mbugita nzicanilize,
 Shushya amazi yo kuzilisha
 Ushake n'ubugali bwo kuziteka,
 Umpe n'ikinono kivamo isosi.»
 Nyirakanaka ngo abite mu gutwi
 Araseka cyane ibi byimazeyo.
 Afatwa n'impumu arakumbagara
 Abira ibyuya yara amaboko
 Hashize umwanya arahembuka
 Aliruhutsa aratangara,
 Ati « erega Ruhaya yali inkozeho!»
 Ni isekurume ntisebanya
 Kereka utazi ubuho inuira
 Ni we uyisebya ibi by'abasenzi.



13. NYIRANDA



Hali umwana w'umukobwa, akitwa Nyiranda. Yali yarajujubije ababeyi be. Bamusigaga ku rugo akiba inzoga cyangwa amata, bamubaza uwakozе ibyo ati « simbizi.» Kandi ibintu ahi we wabiyogojе! Bagira ngo babitse ibiyo by'abana bato akabilya; nyina yamubaza, akavuga ko atazi uwabyibye!

Bityo mbese ugasangа igihe cyose uwo mwana akunda gukorakora, kunyukura utuntu twose, gufundura inkono n'ibindi. Ishyerezo aliko baza kumuturaho iyo ngeso. Ako kamenyero yali yaratashе akili muto, kaza kumuviramо ingeso atazikura!

Ababeyi be ntako batagize ngo bayimuceho, aliko bikaba guta inyuma ya Huye! Ndetse yambayemo akarande, ababeyi be, rubanda, abo bigana bose, baje kumenya ko Nyiranda agira akaboko karekare!

Mu museso wa kare ababeyi barambuyutsaga ngo aje mu ishuli; aho rubanda akabaduka atagombaye kugundira ikirago nkuko abana bamwe bakunda kubigira! Nyiranda agakaraba agatima kalli ku biti by'amacunga byali iruhande rw'inzira yanyuragamo aya mu ishuli. Ndetse n'adahishije yapfaga guca!

14. INTARE N'URUKWAVU

Kera intare yabwaguliye mu ishyamba, irangiye ibyana bisasira mu isenga, ikajya ibigaburira aho. Muzi rero ko intare iya byinshi, ndetse n'ibyana byayo bivuka bizi kulya cyane. Ni yo mpamvu icyo ntare yagombaga kwica inyamaswa nyinshi, kugira ngo ibone ibiyihaza yo n'ibyana byayo. Umunsi umwe, isigira ibyana byayo ibyo bili bulye, ijya guhiga, maze itinda kugaruka.

Urukwavu rwihitiraga, ruzakubona ibyo byana by'intare maze rurabibwira ruti « muraho bavandimwe? Bamubwiye ko mwasigaye mwenyine kandi murwaye niyo mpamvu nje hano, kugira ngo mbakoreye ibyo mwitza.»



Ibyana birarusubiza bitangara biti « bishoboka bite ko waba uva inda imwe na twe? » Urukwavu ruti « Yoo! Se ubwo ntimwari muzi ko ndi mukuru wanyu? Aliko ntibitangaje, muracyalli bato cyane! » Rurakomeza ruti « ibyo mbabwira ni ukuli; ndi mukuru wanyu rwose.» Rumaze kuvuga ayo magambo, rutangira

Bigatuma akorerwa ishuli. Umwali mu yamubaza icyamukereje, Nyiranda akamusubiza ko ababyeyi bali bamutumye. Mbese ari bo, ari umwali mu we, ntawamenyaga aho Nyiranda akorererwa. Ishyamba rwa Nyiranda na we aza kumenya ingeso ye. Ababyeyi be bo bali barayitahuye kera, kuko bali basigaye bamugenzurira! Bajya kugira aho bajya bagakinga inzugi zose, akarusigara inyuma. Umwana atangira kunanuka kubera gushukura, yaliyaga ibyo bamugabuliyeye, ntibimubuze kugira umurumba, ntahage, agahora ahagallitse agatima.

Umunsi umwe, nyina aza kwibagiriye imfunguzo imuhira. Nyiranda azibonye ati « natanzwe! » Agutatira imfunguzo vuba vuba, akubwira mu nzu, aho nyina yakundaga kubika ibintu, ahumira ku gikombe cyuzuye umuti wari ugenewe kwica isazi ati « reka mbanze nirenze aka gakombe, mbona kwitonda! Na nyije ndore ye! Aho mama angejefe no kunkingirana kwe! »

Mu gihe atangiye kugotomera, nyina aba arakinguye. Nyiranda akubwira n'inkuba! Nyina amukubise amaso ati « aho murabona! Sinakubwiye ubusambo bwawe! Ubwo buruzi urabukizwa n'iki? Wari uyobewe ko ari umuti so yazanye wo kwica isazi? Mbese ubundi ukinda kwiba ari uko wabuze icyo uya? Hali undi tuvunikiye utali wowe? Uli intezarubwa! »

Nuko nyina atangira gutabaza abahisi n'abagenzi, ashaka uwamurangira umuti wo kumurutsa. Muli bo haboneka umwe w'inaralibonye, amurangira amata ho umuti. Amutegeka kumaha menshi ngo yijute. Bakimara kuyamuhaha, umwana arushaho kugira iseseme no kumererwa nabi mu nda, nuko sinakubwira acisha hasi no hejuru! Nyamara aliko ntibyamubaza gukomeza kumererwa nabi, amara igihe kirekire atajya mu ishuli, arahira kuzongera kulya icyo adahawe.



kubiguaguya rugeza igihe ruza kubisanga mull ya senga byabagamo. Rumaze kugeramo, rurabwira ruti « ubu ro, ngiyekubashakira ibyo mulya, mutaza kwicwa n'inzara. » Nuko rugira inyama rushyira ku ziko, ruracanira. Zimaze gushya, aho kwatura ngo ruhe bya byana, rwatura rwillira, ibyana byasamye gusa, ntirwagira icyo rusigaza.

Intare iza kuza ivuye guhiga, maze ihamagara ibyana byayo, ngo irebe uko bimaze. Biyigeze imbere isanga byashonje cyane maze irabibaza iti « ko nabasigiyeye ibilyo, none nkaba mbona mushonje cyane byagenze bite? » Ibyana bivugira icyalimwe bita « ni urukwavu rwaje rurabyillira! Bulya wamaze kugenda ruraza rutubwira ko ruva inda imwe na twe, turwereka ibyo rudutekera, bihiye rwillira.

Intare ihindukirana agakwavu aho kalli kabunze mull ya senga, maze ikabwirana umujinya mwishyira isa n'ikarora rwose (sinzi icyali cyabywiyeye ko kihishye hafi aho mu muheno) iti « niko wa kagome we, urabona ngo uranyambullira abana ibilyo, ukabyillira? Ntubona ko wabishyije inzara? Sohoka mull uwo mwobo: nudasohoka kandi ndakwereka. Sohoka se bitaraba nabi. »

Agakwavu ro aho kalli gashya ubwoba kati « nimumtashye aya macumu yanjye muyanshyillire hanze mbone uko nsohoka. » (Naho amacumu yali amatwi y'agakwavu.) Intare yarajajugunye, kajyana na yo; kabandagara hilya iyo, gahaguruka kanduruka.

Nuko intare ibonye ko urukwavu rutongeye gukoma kandi rukaba rutasohotse, ibaza ibyana byayo iti « rwa rukwavu rwiligitiye he? » Ibyana bivisubilliza icyalimwe, biseka bita « nturaba hilyaaa. . . ruragenda rutaruka. »

Intare irurabutswe, irarubwira iti « genda shahu wampenze ubwenge kare! Nta n'ubwo nllirwa ngukullikirana, ull inyaliyenge koko! » Nuko urukwavu ruhikura rutyo.

15. URUYONGYONGO



Umunsi umwe, uruyongoyongo rwarakugendeye ruralitse urunwa n'urujosi ruza kugera ku nkombe y'uruzi. Rurabukwa itti ebyill mu mazi hafi y'inkombe y'uruzi. Ruba rwazitashye iyo rubishaka, aliko kubera ko rwali rutarasonza rwilliraramira.

Hashize umwanya, akayara kararushikura. Haza kuza agati gatoya, uruyongoyongo rwanga kugafata! Ubwo busa! Ngo rutegereje amaronko ahi buruhaze.

Rwamaze guhererwa, kandi inzara irurembeje; rupfa kwagukira akanyamunjonjorerwa. Inzara da!

Urwanzira byinshi ukabura na duke wali ufite.

16. MUTIMA MUKÉ WO MU MUTIBA
(Igice cya mbere)



Umunsi umwe, imbwa yarakugendeye ijya gushaka ubuhake ku ngwe. Ingwe irayibwira iti « ko imbwa mukunda amagutwa, naho twe tukazazira, naguhaka nte? » Imbwa irayisubiza iti « impamvu duhekanyama amagutwa, ni uko tutabona inyama; mbonye inyama, amagutwa se kandi nayashakaho iki? » Ingwe iti « genda ujye willinda amagutwa, inyama nzajya nziguhahira! Nuko iremera birabana.

Bukeye, ingwe ibwira imbwa iti « umuja ni cyo akora, abana banjye ngaba, jya ubandere, nimpiyuka ubanzanire bonke; ninjya guhiga usigare ubalinzé, ubakinisha boye kugira irungu. Kandi nongere nkwibutse, uramenye ntuzagire igutwa uhekanya, itazanyicira abana. » Imbwa iti « nzagenza neza uko ubishaka. »

Ingwe iramukana umuhigo, iragenda. Imbwa ijya inyama nyirabuja yali yayisigiyeye, inakinisha ibibwana. Ingwe ihigutse, iha imbwa umuhigo, iranayibwira ngo izane abana bonke.

Imbwa izana ikibwana kimwe kirabwagaguzza, gihaze igisubizayo izana icya kabili, kirangije izana icya gatatu, ingwe ilishima cyane....

Imbwa ikalya inyama, amagutwa ikayata ku gasozi. Hahita iminsi ibigenza ityo. Hanyuma ingwe ikajya itaha ubusa, inyama zirabura, imbwa irasonza.



Umunsi umwe, ingwe ijya guhiga kure. Imbwa inzara iyirembaje, ijya aho yajungunye amagutwa. Yegura igutwa imwe, irahakenya: kogoco, kogoco, kogoco! Igice kulimara, akabaru karataruka ngo « duuu! » Kikubita mu jisho iy'ikibwana cy'ingwe. Imbwa na yo izaza ilikulikiyeye, isanga icyana cy'ingwe ijisho iyaturumbutsemo, kirasambaguliika. Ntiyarushya ibaza igica umutwe, irawuzika, agahimba irakivonora, yiyicalira aho.

Ingwe ihigutse, ihamagara abana ngo bonke. Imbwa izana icyana cya mbere, kirangije izana icya kabili, hanyuma isubizayo icya mbere; ku mubare bishyika bitatu. Ingwe ilishima ngo umuja wayo areba neza.

Isubiye guhiga, imbwa irasonza, maze ibwira iti « igutwa ijya kwica umwana w'ingwe ni uko nalihekanyeye hafi; noneho reka njye kure ndihekanyereyo! » Irarajyaye, illiruka, ijya hilya y'umusozo, iralyahuka. Igice kurangiza, yumva ngo « duuu! »

Imenya ko all i kibaru cy'igutwa kigiye kwica ikibwana cy'ingwe i Yirukira kubura hasi no hejuru, igeze aho ikibwana kili isanga kirasamba. Igica umutwe irawutabika, agahimba irakamira maze yiyicalira hasi. Ingwe iza guhiguka ihamagaza abana ngo bonke. Imbwa izana icyana gisigaye, kironka, kirangije irakijyana; igeze hilya irakigarura, kironka, igisubizayo, iragikanda kiruka, irongera ikigarura ubwa gatatu, kironka; igisubiza mu ndili yacyo. Ingwe lishima ngo abana bayo barabyibushye.



Ingwe ihigutse ihamagara imbwa ngo yizanzire abana bonke... Irahaba. Iya kureba mu ndili isanga hayihamagara iti «imbwa yampøkuye.» Ikubita izuru aho imbwa yacye, irashogoshera. Imbwa igiye gukandagira munsu y'urugo rwa mbere yumva ingwe yayisatilliyeye. Ikaza amaguru, yitura mu rugo. Isanga umupfumu wicaye imbere y'umuyango afitte impinga iti «nyabuna wa mugabo we mpisha ndapfuye!»

Ibona umwobo w'inyaga yinjizamo ikinwa, irahakenya, irahakenya... Igiye kurangiza, yumva akabango karatarutse kayitsibura ku mulizo, gahorera gasanga icyana cy'ingwe. Imbwa ivumbuka mu mwobo, itumva itabona, kibuno mpa amaguru, kibuno mpa amaguru! Ngo igere ku ndili, isanga icyana cy'ingwe kirasamba, ishho lyanobotsemo! Iti «bite se kandi? Ko all iki cyali gisigaye, ingwe niza ndayikika nte?» Imbwa iragihuhura, irakilya, itaburura n'uduhanga yatabye twose, iraduhakenya! Irangije ifashamo, yiruka igana mu bantu.

Bukeye, ingwe iya guhiga. Imbwa ibonye amagutwa ayagirana ku zuba, ibwirira iti «icyica abana b'ingwe ni uko nyahakenyera hati; ndenze imisoz ibili, nayahakenya ntibigire icyo bitwara.» Ibatwira igutwa, igenda yiruka irenga imisoz ibili.



17. MUTIMA MUKU WO MU RUTIBA (Igiye cya kabili)